

A Ubwenegihugu bw'Ijuru:

❖ Kwīgāna inyangamugayo (Abafilipi 3:17–19)

- Twese dufite abantu, mu buryo bumwe cyangwa ubundi, bahinduye ubuzima cyangwa ibitekerezo byacu. Yaba umuhanzi, umukinnyi, umucuranzi, umuririmbyi. Yaba umugabura, umuvugabutumwa, cyangwa umuvandimwe w'inyangamugayo.
- Ese aba bantu “b'icyitegererezo” badufashije gukura ku giti cyacu, cyangwa se batuyoboye mu nzira tutagombaga kugerageza?
- Pawulo aturarikira kwīgāna abatubēra ingero zidukomeza kandi zituboneza (Abafilipi 3:17). Aranatuburira ko, ndetse no mu bizera, hari abantu badakwiriye kwīgānwa (Abafilipi 3:18–19).
- Ni iki kibatandukanya? Bamwe batekereza ku bintu byo mu isi gusa, naho abandi bagahanga amaso yabo kuri Yesu wenyine. Bityo rero, ab'icyitegererezo bazima, nabo ni abīgāna Kristo (1 Abakorinto 11:1).

❖ Ubwenegihugu bwuzuye (Abafilipi 3:20–21)

- Mutyo tubyemere. Twebwe Abakristo dufite ikibazo: ubwenegihugu bubiri. Twese turi abaturage b'iyi si ndetse n'abenegihugu b'ijuru. Ibi bidutera kubura amahwemo cyane (Abaroma 7:22–23).
- Tuzagera ku bwenegihugu bwuzuye ryari? Ni ryari tuzareka kuba abaturage b'iyi si y'icyaha? Ku gihe cyo Kugaruka kwa Yesu (Abafilipi 3:20).
- Bizagenda bite igihe tuzaba tuzutse (cyangwa duhinduwe), urupfu rutagifite ububasha kuri twe?
 - (1) Tuzagira umubiri ufatika, kandi amaso yacu ubwacu azabona Imana. (Yobu 19:25–27)
 - (2) Imibiri yacu izaba iy'umwuka, idapfa, kandi idashobora kubora (1 Abakorinto 15:42–44, 50–54)
 - (3) Tuzahabwa ubwiza (Abakolosayi 3:4; Abafilipi 3:21)

B Kugeza ubwo tuzahagera:

❖ Kubana amahoro, n'ibyishimo (Abafilipi 4:1–6)

- Mu gusozza urwandiko rwe, Pawulo yakubiye hamwe intashyamba ze bwite n'inama-ngiro. Yasabye Sizigo [uwo bakoranaga wiringirwa] na Kilementi gufasha Ewodiya na Sintike kubana mu bwumvikane. Abo bose, bakoranaga na Pawulo, yabavuzeho ko “amazina yabo yanditswe mu gitabo cy'ubugingo” (Abafilipi 4:2–3).
- Inama ikurikira ishobora kutubera urujijo: “Mujye mwishima iminsi yose [...] Ntimukagire icyo mwiganyira” (Abafilipi 4:4, 6). Ibi byashoboka bite muri iyi si yuzuyemo ibibazo n'imibabaro?
- Ibi birashoboka kuko ibyishimo byacu biri “mu Mwami” (Abafilipi 4:4a). Tumwikoreza ibiduhangayikisha twizeye ko ashobora kubitwikorerera (Matayo 6:31–34; 1 Peteto 5:7).
- None se twakwikoreza Yesu ibiduhangayikisha dute? Binyuze mu gusenga (Abafilipi 4:6).

❖ Ibitekerezo biboneye (Abafilipi 4:7–9)

- Ingaruka zo kwikoreza Yesu ibiduhangayikisha, no kwishima ni amahoro (Abafilipi 4:7). Ni amahoro isi idashobora gutanga cyangwa kwambura (Yohana 14:27; 16:33).
- Nk'uko Pawulo abivugaga, aya mahoro azaba uburinziruhungu—urinda ibyiyumvo byacu n'ibitekerezo byacu (Abafilipi 4:7b). Kugira ngo uyu murinzi abigereho, ni ibihe bintu tugomba gutekerezaho (Abafilipi 4:8)?
 - (1) Iby'ukuri byose; ibyo kubahwa byose; ibyo gukiranuka byose; ibiboneye byose; iby'igikundi byose; ibishimwa byose
 - (2) Muri make: “nihaba hariho ingeso nziza kandi hakabaho ishimwe abe ari byo mwibwira” (Abafilipi 4:8b).

❖ Kunyurwa (Abafilipi 4:10–13, 19)

- Turishimye; nta kintu kiduhangayikishije; dufite amahoro; ibitekerezo byacu ni bizima. Dufite imibereho itunganye kandi igera ku ntego... Ese ni ko biri?
- Dushobora kugira uburumbuke; dushobora kugira ubukene cyangwa ibibazo. Kimwe na Pawulo, niba dufite ubwishingizi bwuzuye ko Imana iyobora imibereho yacu, tuzakomeza kuyiringira uko twaba tumerewe kose (Abafilipi 4:11–12, 19).
- Kimwe na Aguri, twiringira ko Imana itaduha ibirenze cyangwa ibiri muni y'ibyatugirira umumaro (Imigani 30:8–9).
- Iyo tubayeho dufite ibi ibyiringiro, tuba twizeye ko “Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga” (Abafilipi 4:13).
- Bigenda bite iyo tudafite ibyo twibwira ko dukeneye?
- Tubisabe Umwami, kandi niba biri mu bushake Bwe, azabiduha (Yakobo 4:2b; 1 Yohana 5:14–15).
- Ntabwo buri gihe tuba tuzi niba icyo dusaba gihuye n'ubushake Bwe, ariko hari ibyo dusaba twizeye ko bihora bihuye n'ubushake Bwe.